REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 25 MUTARAMA 2013.

IRIBURIRO

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 25 Mutarama 2013 yitabirwa n'abajyanama 21 kuri 28 bayigize.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27/12/2012.
- Gusuzuma ingengo y'imari ivuguruye 2012-2013.
- Kureba aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2012-2013 igeze ishyirwa mu bikorwa.
- Kuzuza Komisiyo y'ubutaka y'Akarere.
- Amasezerano y'ubufatanye hagati y'Akarere ka Huye na KVCS.
- Kwiga ku madosiye y'abakozi.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Ukuboza 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo.
ii. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye (Révision budgétaire) y'umwaka wa 2012-2013 ingana na miliyari icyenda miliyoni magana atanu mirongo icyenda n'esheshatu ibihumbi magana arindwi na makumyabiri magana atandatu mirongo itandatu(**9.596.720.660frw**)
iii. Kwemeza ko Madamu KAMBAYIRE Félicité, umunyamabanga uhoraho w'Inama Njyanama y'Akarere aba umwe mu bagize Komisiyo y'ubutaka y'Akarere.
iv. Kwemeza ubufatanye hagati y'Akarere ka Huye na KVCS ku bijyanye no kubaka ikigo abagenzi bategeramo imodoka(Gare)no gucunga parking

IBYEMEZO

1. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Ukuboza 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

2. Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari ivuguruye(Révision budgétaire)y'umwaka wa 2012-2013 ingana na miliyari icyenda miliyoni magana atanu mirongo icyenda n'esheshatu ibihumbi magana arindwi na makumyabiri magana atandatu mirongo itandatu(**9.596.720.660frw**) nk'uko iri ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama imaze kugezwaho aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2012-2013 igeze ishyirwa mubikorwa, yashimye uburyo birimo gukorwa,

isaba ko yakwihutishwa kandi yiyemeza gukomeza kugira uruhare muri icyo gikorwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Nyuma yo kuganira no kungurana ibitekerezo mu kuzuza Komisiyo y'ubutaka y'Akarere, Inama Njyanama yemeje ko Madamu KAMBAYIRE Félicité, umunyamabanga uhoraho w'Inama Njyanama y'Akarere aba umwe mu bagize Komisiyo y'ubutaka y'Akarere ka Huye asimbuye Madame MUSHIMIYIMANA Marie Josée wasezeye kuri uwo mwanya. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yemeje ubufatanye hagati y'Akarere ka Huye na KVCS (Kigali Veterans Coperative Society) ku bijyanye no kubaka ikigo abagenzi bategeramo imodoka(Gare)no gucunga parking; ndetse isaba Komite Nyobozi y'Akarere kubikurikirana mu buryo bujyanye n'amategeko. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yemeje ko KVCS izageza mu nama y'Inama Njyanama itaha, business plan yayo ku bijyanye n'umushinga wo kubaka gare. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yasubitse ingingo ya 6 irebana no kwiga ku madosiye y'abakozi, ikazigwa mu nama itaha y'Inama Njyanama y'Akarere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe i Huye, kuwa 25 Mutarama 2013

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

UMULIISA Alphonse
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye